HOPE WALKS
FREEDOM FROM CLUBFOOT

The new name of CURE International

Itangazo

Umuryango Cure International unejejwe no gutangaza ku mugaragaro izina ryawo rishya

Ishingiye ku myanzuro yafatiwe ku cyicaro gikuru muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika(USA); Cure International yafashe irindi zina rigaragaza kurushaho indangagaciro zayo n'ibikorwa byayo. Yafashe kandi n'ikirango gishya, mu rwego rwo kurushaho kugaragaza ubutumwa bwayo.

Izina rishya n'Ikirango gishya

- **"Hope Walks"**: Izina rishya rya CURE International rigaragaza imwe mu ndangagaciro zayo ikomeye ariyo **« HOPE"** cyangwa **"Icyizere"** kigaragarira mu bikorwa byo kwita no gufasha abana bavukanye ubumuga bw'ibirenge bwitwa clubfoot/Pied bot.

- Iryo zina kandi ryerekana intego yacu nyamukuru ituranga: **"Walk free from clubfoot"** aribyo twita mu kinyarwanda **« Gukira burundu ubumuga buterwa na clubfoot»** duha ubufasha ibitaro dukorana nabyo mu kuvura no gukora ubukangurambaga kugira ngo imiryango ifite abo bana ibavuze hakiri kare bityo abana bakure badafite ubwo bumuga kandi bagire imibereho myiza.

- Interuro **«Hope Walks»** cyangwa **« Icyizere cyo kugenda »** yumvikanisha neza intego nyamukuru kuko ihuza inyito ubwayo n'ibikorwa byo kwita kubana bavukanye Clubfoot. HW irifuza kuryumvikanisha kurushaho mu buryo burambuye.

- Ubu ikirango cyacu kirimo ikimenyetso gikomeye: **« Ikirenge".** Kikaba ari , ikimenyetso cyumvikana kuri buri wese aho yaba ari hose, mu rurimi no mu muco we ko ikirenge kizima ari ingirakamaro mu kugenda neza **.« ikirenge kigororotse gikandagira neza** .

Ubu bukaba ari uburyo bwo gukangurira umuryango nyarwanda ko ubumuga bw'ikirenge buvurwa kandi bugakira neza hakoreshejwe uburyo bwa Ponseti ari nawo mwihariko wacu.

Ikirango gishya

HOPE WALKS
FREEDOM FROM CLUBFOOT

Impamvu z'iyi mpinduka

Hari impamvu 3 nyamukuru ziri inyuma y'iyi mpinduka:

- Icyifuzo cyo kumvikanisha bihagije indangagaciro n'intego byacu
- Izina rya CURE International ntabwo ryahuzaga inyito yaryo n'intego nyamukuru yo kuvura ubumuga bwa clubfoot mu buryo bwumvikana.
- Izina Hope walks rihuje neza n'umusaruro uboneka iyo aba bana bavuwe neza hakurikijwe ibisabwa mu kubahiriza gahunda zo kuvurwa ubu bumuga kwa muganga.

Bikorewe i Kigali, kuwa 10 Mata 2019

CURE INTERNATIONAL * RWANDA CLUB FOOT PROGRAM * cure

Jean Claude HABYARIMANA

Umuyobozi wa Cure International / Rwanda